# Ihame ku musaruro w' Icyerekezo

***"Uwiteka ni we uyobora imigendere y'umuntu, mbese umuntu yamenya ate inzira aganamo?" Imigani 20:24***

Byandistwe na rwiyemezamirimo, John E. Schrock

*Ca akarongo ku i jambo nyamukuru ubonye muri iri ihame.*

Icyerekezo nicyo cyibanze ku bantu bifuza kujya ahantu. Twese tujya ahantu, bamwe batabishaka naho abandi babiteguye. Ubundi tujye twibaza: Ese imana iyoboye intambwe zanjye, cyangwa turiyobora? Ikibazo kirabaza: Ese ni gute twamenya ko imana iyobora intambwe zacu? Icya mbere, tugomba kwiyemeza gukora igikwiye. Umutima muzima uhora ushishikajwe no kuvuga ukuri. Kuba inyangamugayo kandi bikingura umuryango ni uko Imana ikadusanga mu mutimanama wacu cyangwa inshuti zigendana n'imana.

Hari inyungu eshatu twunguka iyo twemereye Imana kuyobora intambwe zacu:

1.Urugendo rwiza: Intambwe ziyobowe n'imana ntiziyoba, kuko niyo nzira.

2.Urugendo rufite kwizera: Ntabwo biri ngombwa ko dusobanukirwa buri kimwe kuko tuzi amaherezo yacu.

3.Urugendo rufite umunezero: Tuzi aho tugiye ndetse nicyo dukora.

Biba byoroshye kugendana n'Imana gusa iyo tumenye ko ituyobora. Kugendana n'Imana bituruka mu gukora ibintu biyishimisha. Ntabwo ari ngombwa ko kumva buri kimwe cyatubayeho, ariko icyo dusabwa ni ugukora igikwiye. Gukora ikibi byica ukwizera kwacu kandi bigatera ikiniga.Ikiniga/icyaha ntabwo cyonona umurimo wacu gusa , ahubwo cyonona n'ubuzima bwacu, kuko tubura icyerekezo maze tugatangira guhuzagurika. Bidutera guhunga ibibazo byacu, ni uko amaherezo bikadutera ikimwaro. Ariko mu gihe dukoze ibikwiye, usanga tunezerewe ndetse no mu maso y'imana. Twumva twisanzuye kandi nta bwoba dufite wenda kuwo twahura nawe kubera ko" abakiranutsi barat-inyuka nk'intare." Ntabwo ibyo twakora byose byakunda, gusa icyo tuzirikana nuko mu kuba dukora igikwiye hamwe no kuyoborwa n'imana , tuzabona intsinzi amaherezo. Kuva rero tuzi ko tuzanesha, nta mpamvu yatuma ducika intege. Nidukomeza kugendana nayo, twizeye kandi tugerageza gukora igikwiye, amaherezo tuzabona ibisubizo ku ntego zacu.

Birakomeye kwemera icyerekezo uhawe n'umuntu tutazi cyangwa udafite ikibigaragaza. Ariko uko turushaho kwiga ijambo ry'imana n'imikorere yayo, niko tuzarushaho kwizera kuyoborwa nayo, kuko ifite amateka yo kuyobora abantu no guhesha intsinzi ku ntwali muri ubu buzima. Biba iby'ingenzi rero kugerageza gusobanukirwa impamvu ibintu bimeze uko biri. Nyamara kandi hakaba n'igihe dukeneye kwizera imana maze tugakomeza urugendo. Nubwo tudasobanukiwe na buri kimwe, birashoboka ko twagendera mu kwizera bya kanya gato.

Ibinyabiziga bikenera gusa nibyo bikenera kuyoborwa. Mu gihe tutizeye ko Imana ituyobora, tugomba kwisubiraho maze tugasuzuma imikorere n'imigambi byacu, kuko kwizera n' icyizere "bikomoka" mu kumvira icyo ukuri kwigisha umutima wacu. Iyo umutima wacu uducira urubanza, ibi ni uko tuba tuzi ko twakoze ibidakwiye.Iyo imana iganirije umutima wacu, tugomba kubyubahiriza—ibi bizerekana uruhare duha Imana mu mutima wacu. Idufitiye ibintu byinshi cyane ,nk' ubuzima, ubwisanzure hamwe n'ihirwe, mu gihe twemeye ikatuyobora.

Itoze gukora igikwiye mu cyumweru kimwe. Uzatungurwa cyane n'uburyo uzumva imana iyobora intambwe zawe, kandi ntuzavunika ushaka gusonuza buri kimwe—kuko Uwiteka ayobora intambwe z'umuntu mwiza! Kwanga kuyoborwa n'Imana ni nko kuvuga ngo turi abahanga kuyirusha. Dore amagambo y'abapfapfa, " Nta mana ibaho."

*Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy'umwaka umwe:*

**Umusingi ku byagezweho.**

## Ibabazo byo kwibazaho:

Ntabwo waba igitangaza kandi watojwe n'umwalimu mubi.

| Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10 | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 | 6 | 7 | 8 | 9 | 10 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Kuki wihaye aya manota | | | | | | | | | | |
| Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe? | | | | | | | | | | |
| Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame? | | | | | | | | | | |
| Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi | M | K | G | K | G | G | C | | | |

Completed ☐ Not completed ☐